# Umwami w'u Rwanda we yashyingurwaga ate?

BBC Gahuza
**19 Ukw'icenda 2022**



*Isanduku yari irimo umugogo w'Umwami wa nyuma w'u Rwanda Kigeli V Ndahindurwa agiye gutabarizwa i Nyanza muri Mutarama 2017*

Umwami, Umwamikazi, si rubanda rusanzwe, ibi byongeye kuboneka mu gihe isi yakurikiranaga imihango yo gushyingura Umwamikazi w'Ubwongereza Elizabeth II.
Ubwami butaracibwa mu Rwanda, no mu bihugu bindi byo mu karere, iyo umwami yapfaga habaga imihango ikomeye yo kumushyingura ndetse n'ibigendanye n'icyunamo.
Mu Rwanda ho hariho n'imvugo zihariye mu buzima bw'Umwami. Umunyamateka Jean de Dieu Nsanzabera avuga ko aya magambo ari umwihariko ku bami b'u Rwanda gusa, ko mu ikeshamvugo ryemewe adakoreshwa ku bami b'ahandi.
Amwe mu magambo yakoreshwaga ku bami b'u Rwanda (dukoresha no muri iyi nkuru)

- **Gutanga** – Gupfa k'Umwami
- **Umugogo** – Umurambo w'Umwami
- **Gutabarizwa** – Gushyingurwa
- **Umusezero** – Imva, Irimbi ry'abami cyangwa se aho batangiye

**Nta mwamikazi ubaho mu Rwanda**



AH *Mutara III Rudahigwa n'umugore we Rozalia Gicanda*

Umwamikazi nk'izina n'umwanya w'ubutegetsi ntibyigeze bibaho mu Rwanda, nk'uko umusizi, umwanditsi akaba n'umunyamateka Jean de Dieu Nsanzabera yabibwiye BBC.
Agira ati: "Mu Rwanda hategekaga Umwami, agatwarana na nyina, umwe akaba umugabe undi akaba umugabekazi."
Umwami w'u Rwanda yarangwaga no kugira abagore benshi, nabo bari mu byiciro bitatu nk'uko abisobanura;

- **Umugore w'ingabwa:** umugore wavaga mu bwoko (urugero Abega) bubyara abami kandi nyuma akazaba umugabekazi
- **Abagore b'Ibwami**: Abandi bagore b'Umwami baba ibwami bahishiraga umugore w'ingabwa ngo atamenyakana hakiri kare
- **Abagore b'igihango:** Abagore b'Umwami bo mu ngo ze hirya no hino mu gihugu bacunga imitungo n'abagaragu be, niho yaruhukiraga yagiye kureba rubanda rwe

**<u>Gutangaza ko Umwami yatanze</u>**

Nsanzabera avuga ko iyo umwami yatangaga hari umwiru - umwe mu bagize itsinda ry'abiru – wari ushinzwe kubitangariza igihugu.
Ati: "Hari umwiru witwaga Umwiru wo kwa Nyamweru - kuko yahoze afite umurwa we [ubu ni] mu mudugudu wa Nyamweru mu kagari ka Nyamweru mu murenge wa Kanyinya mu karere ka Nyarugenge - uyu mwiru akomoka mu muryango mugari w'abakono.
"Niwe wafataga iya mbere mu gutangaza ko Umwami yatanze."
Icyo gihe igihugu cyahitaga cyinjira mu gihe cyo kwirabura (icyagereranywa n'icyunamo cy'ubu) aho ibikorwa by'ibwami byahitaga bihagarara hakaba ituze mu gihugu.
Ati: "Ibi ariko ntabwo byavugaga ngo abantu barire, cyangwa bihanganishe abantu, oya… Abantu bakwiye kumenya ko ijambo ikiriyo ari igiswahili biva ku 'kulia' cyangwa kurira, kandi Abanyarwanda ubundi ntabwo baririraga umuntu mukuru wapfuye."
Ibi turabigarukaho….


<u>Gutabariza Umwami n'imihango yabyo</u>.

Gutabariza (gushyingura) abami b’u Rwanda byakorwaga mu byiciro bitewe n’amazina yabo, nk’uko Nsanzabera abivuga.

Amazina no gukurikirana kw’abami b’u Rwanda bakurikiranaga muri ubu buryo kuri buri ngoma eshanu;

Habanzaga **Mutara** >>> hagakurikiraho **Kigeli** >>> **Mibambwe** >>> **Yuhi** **>**>> hanyuma **Cyirima**.

Aha ntiharimo abami b’imishumi ba cyera cyane bari bafite amazina nka Ndahiro, Nsoro, Ruganzu n’abandi…
Abami b’u Rwanda ntabwo bagiraga imisezero imwe (amarimbi y’abami cyangwa ahantu haguye umwami nubwo yaba atarahatabarijwe).
Nsanzabera ati: “Niyo mpamvu uzabona ahantu hose mu Rwanda hitwa Musezero ni uko [habaga] haraguye Umwami cyangwa hari irimbi ry’abami.”




AHAVUYE ISANAMU,
Mu karere ka Rulindo ahari 'amarimbi' abiri y'abami b'u Rwanda

**Umusezero wajyanaga n’izina**
Nsanzabera avuga ko mu Rwanda hari imisezero (amarimbi) itatu y’abami.

- **Umusezero wa Kayenzi** : uri mu karere ka **Kamonyi** y’ubu, watabarizwagamo abami bitwa ba **Cyirima na Mutara**
- **Umusezero wa Rutare** : ubu ni mu karere ka **Gicumbi,** watabarizwagamo abami bitwa ba **Kigeli na Mibambwe**
- Hamwe n’imisezero ibiri; y’i **Remera y’Abaforongo** n’uwa **Busigi** hafi ya **Tumba** (hombi ni muri **Rulindo**) hatabarizwaga ba **Yuhi**

**Imva imeze nk'inzu**

Nsanzabera avuga ko imva y'Umwami yari ifite umwihariko mu bunini n'ibindi bintu bayishyiragamo.

Ati: "Umusezero w'Umwami ntabwo wanganaga n'izi metero ebyiri bashyinguramo umuntu muri iki gihe, wabaga ukoze mu buryo imva ye irimo inguni nyinshi, bakayubaka nk'abukaba inzu yari asanzwe atuyemo.

"Bashakaga intango z'imitsama n'ibicuma bagatereka mu musezero we bavuga bati 'aho ari atazicwa n'inyota azakomeza asomeho'.

"Niba yari indwanyi bakamushyingurana amacumu ye yarwanishaga."

Mu muhango wo kumutabariza niho wa mwiru wa Nyamweru yanatangazaga usimbuye Umwami watanze, ibyo bikaba mbere y'uko umugogo w'umwami watanze wururutswa mu irimbi, nk'uko uyu munyamateka abivuga.

Umwami niwe watabarizaga uwo azunguye.

Nsanzabera avuga ariko ko nk'Umwami Kigeli - kuko yari umwami w'intambara - yabaga yaratangaje akiriho uzamusimbura, akamutoza, akamutegura, kuko byaba byitezwe ko Kigeli ashobora kugwa ku rugamba.



*Abanyamateka bavuga ko aha ari ku musezero w'Umwami Kigeli IV Rwabugili mu murenge wa Rutare*

**Kwirabura no Kwera**

Kwera ni ugusoza igihe cyo kwirabura uyu munyamateka avuga ko ab'ubu bagereranya n'igihe cy'ikiriyo cyangwa icyunamo.

Ati: "Nabyo byaterwaga n'Umwami watanze, nka Kigeli igihe cyo Kwirabura cyashoboraga kumara imyaka itatu. Naho abandi byamaraga amezi atarenze atatu."

Nsanzabera avuga ko iki cyabaga ari igihe cy'ituze mu gihugu "nk'uku ubu ubona hururutswa amabendera, imanza n'ibikorwa by'ibwami bikaba bihagaze ngo umwami abanze atabarizwe habe no kwera."

Ibi ariko avuga ko bitandukanye n'ikiriyo cyo muri iki gihe, aho abantu baririra ababo bapfuye bakanihanganishwa n'inshuti n'imiryango.

Ati: "Mu Rwanda umuntu baririraga yapfuye ni **umwana**, nabwo ni uko bavugaga ko agiye ntacyo arakorera igihugu, naho umuntu wapfuye ari mukuru, cyangwa umwami watanze afite ibigwi, bakoraga ibirori bakabyina bakanywa bati **'Intwari icyuye imihigo yayo'.**

Ubundi nta muntu uririrwa kuko yapfuye kuko bizera ko **nta munyarwanda upfa** ahubwo agenda akazagaruka."
Ubwami bwaciwe mu Rwanda mu 1962 busimburwa na repubulika, ariko Umwami wa nyuma warwo, Kigeli V Ndahindurwa yatanze mu Ukwakira (10) 2016 ari mu buhungiro i Virginia, muri Amerika.
Yatabarijwe i **Nyanza** mu Rwanda muri Mutarama (2017) nyuma y'amezi y'impaka, n'urubanza muri Amerika, imihango yo gutabarizwa yakorerwaga abandi bami ba cyera ntayo yakorewe kuko nta bwami bukibaho mu Rwanda.

## Burundi: Umwami yashingurwa gute?

**BBC Gahuza**
**20 Ukw'icenda 2022**



AHAVUYE ISANAMU

*Abami **Mwambutsa IV Bangiricenge** n'umuhungu wiwe **Ntare V Charles Ndizeye** nta migirwa yo gushingurwa bagiriwe nk'uko vyari bisanzwe bikorerwa abandi bami b'Uburundi*

Urupfu n'ishingurwa vy'Umwamikazi w'Ubwongereza Elizabeth II vyatumye turondera kwibuka ingene abami bo mu karere - na cane cane bo mu Burundi no mu Rwanda - bashingurwa.
Mu Burundi, iyo umwami yatanze - ntibavuga ko yapfuye - haba imigirwa myinshi ijanye n'urupfu rwiwe.
Ariko abami babiri ba nyuma b'Uburundi ntibayigiriwe.

Mu Burundi intwaro y'ubwami yarangiye mu **1966** igisirikare gifashe ubutegetsi kigashinga intwaro ya repuburika.

Umwami wa nyuma - **Ntare V** (Wa Gatanu) Ndizeye Charles - , nta wuzi aho yahambwe inyuma yo kwicwa mu buryo butazwi aho yari apfungiwe mw'ibohero rya Gitega mu 1972.
Se wiwe, **Mwambutsa IV** (Wa Kane) Bangiricenge, yahambwe muri Suisse iyo yapfiriye mu 1977.

**<u>Inzira 4 zo gutanga</u>**

Umwigisha w'ikirundi, amateka, n'imico kama y'abarundi, Denis Bukuru, avuga ko abantu basanzwe bakoresha ijambo **"Gutanga"** bashaka kuvuga **ugupfa** kw'umwami, ariko ngo umwami yashobora gupfa mu buryo bune butandukanye, n'amajambo yo kubivuga agatandukana.

- **Gutanga:** apfuye bisanzwe (yishwe n'indwara canke n'ubusaza), aho niho bavuga ko yatanze.
- **Gutabaruka:** apfuye aguye ku rugamba (ku bisanzwe <u>abami b'intambara</u> bari **Ntare na Mutaga**). Igihetangoma kimwe cabamwo abami bane bakurikirana uhereye kuri Ntare, Mwezi, Mutaga na Mmwambutsa.
- **Kwiha ubuki:** atakibasha amabanga y'ubwami ku mvo zitandukanye, canke hateye ivyago mu gihugu nk'inzara canke ikiza, "yiha ubuki", ikinyobwa caba kirimwo ikimwica, akarangiza ubuzima bwiwe.
- **Gucanira abana b'ingoma**: iyo umwami yarenze umuziro uhambaye cane, umuziro uzirwa, iyo akoze ico atategerezwa gukora gishobora kuzanira amahano igihugu, baca bamubwira ngo acanire abana b'ingoma.

Umwigisha Denis Bukuru avuga ko mu "gucanira abana b'ingoma" aho "umwami bamwubakira ikirwa (uburirii), bakamuha ubuki bwo kunywa, bagaca bamwubakirako inzu itagira urugi, bagaca bayiturira. Vyashika gake ariko vyarigeze kuba".



AHAVUYE ISANAMU

*Mu kibira ca Matongo na Kabarore (mu ntara ya Kayanza y'ubu, mu buraruko bw'Uburundi) niho abami batanze bajanwa kubikirwa*

## Nta waherekeza Ingogo y'umwami

Ibwami haba hariho **umubitsi** (umuntu ajejwe kubika canke kumenyesha ko hari uwapfuye). Umwami atanze (apfuye), umubitsi yaca afata inzira ava aho umwami yatangiye agenda arasemerera amenyesha iyo nkuru gushika ishikire Abiru.
Abiru baba mw’ishamba ryari mu makomine ya **Muruta na Kabarorore** muri **Kayanza** y’ubu, ari naho bajana "kubikira" (gushingura) abami bapfuye.

Abiru bamenye inkuru baca baza gutora **Ingogo** (ikiziga/umurambo) y’umwami bakayijana hamwe n’ibintu vyose vyari ku kirimba aho yatangiye (inka, ibisabo, ivyimburwa biri mu bigega ), bigaherekeza ingogo.
Muri ico gihe ababa ku kirimba bose baba bahunze. Bagaruka ari uko Abiru bamaze gutwara Ingogo y’umwami.
Nta waherekeza ingogo y’umwami. Abiru bayitwaye aho baca hose abantu baca bahunga n’ivyabo vyose bakagaruka ar’uko Abiru barenganye.
Ikindi kimenyetso n’uko ahahora havuga ingoma ya **Karyenda** ku kirimba haca havuga iyitwa **Hangarizo**, ikamenyesha ko habaye guhangaza (n’ukuvuga kugandarira umwami).

Abiru bashikanye ingogo y’umwami muri iryo shamba rya Muruta/Kabarore, bayubakira urusenge, bakayishirako, bagacana akariro gake munsi yayo gushika ikiziga gisanguke.
Umwigisha Bukuru avuga ko muri iyo migirwa ibivugwa n’ivyakorwa bitandukanye. Mu bivugwa n’uko umwami atahambwa (atashirwa mw'ivu, kuko ngo isi ntiyari gusubira kumera).
Umuganwakazi **Esther Kamatari** avuga ati: **“Umwami ntiyahambwa. Yaserukira Imana, kandi ntawuhamba Imana”.**
Ariko mu vyakorwa, umwigisha Denis Bukuru avuga ati: "Hasigaye amagufa gusa , Abiru barayegeranya bakayahamba, imva y’umwami ikitwa **inganzo”**.

## Ijuru ryakorotse

Umwami yapfuye abantu bavuga ko ijuru ryakorotse. Ubuzima bwaca bumera nk’ubuhagaze mu gihugu.
Umwigisha Denis Bukuru avuga ati: ”Nta mugabo yasubira kuryama ku buriri. Nta mpfizi yasubira kwegera inka, baca bazitandukanya (nta nka yasubira kwima).
"Abagore baca bakura imiringa n’ikindi cose kiranga ugushaza, n’uwo yanse kuvamwo yaca ayifukisha igishambara gisa nabi".
"Nta muriro wasubira kwatswa mu nzu".
Igihe co kugandara camara hagati y’indwi (iyinga) zitatu gushika ku minsi **40.**
Ico kiringo carangira ku munsi umwami mushasha yaba yimye.